Umutwe wa mbere

YESU UWO ARIWE

Isomo rya Mbere

Matayo: 1

I. INTANGIRIRO.

Ubutumwa Bwiza uko bwanditswe na Matayo ni ikiraro gihuza Isezerano rya Kera, aho Imana yakoranye ubwa mbere n'ubwoko bw'Abisirayeli, n' Isezerano Rishya, aho Imana yakoranye ubwa mbere n'Itorero. Matayo wari umuyuda, intumwa ya Kristo kandi umukoresha w'ikoro (9:9; 10:3) yanditse Ubutumwa Bwiza mu buryo bwo kwerekana uko ibyanditswe bya kera byasohoye mu buzima bwa Yesu hamwe no mu bikorwa bye. Nibwo Butumwa bwonyine buvuga Itorero mu buryo busobanutse. Kenshi Matayo yandika avuga ku bibazo Abakristo b'Abayuda bari bafite ku byerekeye uburyo Abisirayeli bihakanye Yesu. Agaragaza ko Yesu atigeze ahakana/areka kubahiriza Ibyanditswe Byera, ariko igihugu n'abayobozi bacyo bananiwe kwitondera amabwiriza yo gukiranuka kw'Imana. Isirayeli yasitaye ku ibuye rikomeza imfuruka ryari ryarahanuwe (Yesaya 21:14; 28: 16). Ibuye ryo mu gihe cya Mesiya abubatsi banze niryo ryahindutse urufatiro rw'Itorero rishya.

Dore ibyari bitegerejwe: Mesiya w'Abisirayeli yari uwo kuzana imigisha y'Aburahamu yari yarasezeranijwe amahanga yose. Abayuda bategerezanyije kwizera ko abanyamahanga batandukanye n'ibyo bigishijwe, Yesu yategetse Itorero kwiyegereza abanyamahanga (abatizera) nk'abakijiwe kimwe nabo. Impamvu ni iyi: "Koko mwakijijwe ku buntu kuko mwizeye Kristo, ntibyakomotse kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana." (Abefeso 2:8). Abizera bakeneye kubaka umubiri wa Kristo, bityo abanyabyaha bazakizwa babonye ibyo dukora. (Iyi niyo gahunda y'Imana).

Isirayeli yihakanye Mesiya wari warabahanuriwe ariko abanyabyaha baramwemera. Kristo yabagize hamwe nawe urwe rufatiro rw'ishyanga rye rishya , asimbuza ya miryango 12 n'intumwa 12; "umutwaro we" (11:12) n'inyigisho ze zisimbura amategeko yagenderwaho mu buzima bw'abantu b'Imana. Nk'uko Isirayeli yavukiye mu kuva mu bucakara bwa Egiputa, ni nako n'Itorero ryavutse rivuye mu bucakara bw'umwijima wo mu buryo bw'Umwuka bwa Isirayeli. Ukwemerwa kwa Yesu n'abantu banduye ariko bihannye byaciriye inzira ukwemerwa kwe mu mahanga y'abanyamahanga. Igikorwa cye cy'ubuntu muri Isirayeli cyahindutse urugero rwo gukurikiza mu bikorwa bya mbere by'Itorero ku gihugu kinini cy'abanyamahanga, Ubwami bw'abami bw'Abaroma. Mu buryo bwo gukina ku mu byimba Ubukristo bwatangiye nk'Idini (Iyobokamana) ry'"Iburasirazuba", kandi na n'ubu riracyavugwa ko ari "Idini (iyobokamana) ry'i Buraya".

Tekereza kuri ibi: Matayo yamenye ko atazemerwa.. Nkuwahoze ari umukoresha w'ikoro, bamubonaga nk'umuhemu ugurisha ibikorwa bye mu Baroma b'abanzi, kandi wabonwaga nk'igisambo cyatwaraga ibintu bya bene wabo, yasuzugurwaga na bene wabo b'Abayuda kandi Abafarisayo bamufataga ku rugero rumwe n'indaya na none kandi ku rugero rw'abanyamahanga(abatizera). Ariko Kristo amuhamagara kuba intumwa akoresheje ijambo rigufi cyane: "***Nkurikira"*** (Matayo 9:9a). Igisubizo cya Matayo cyari kimwe nkicyo Kristo abaza uwo ari wese muri twe Umuyuda, Umunyamahanga, umunyedini, umupagani, umusaza, umusore, inkumi, umugabo, umugore, umunyacyubahiro, umukene . Bibiliya ivuga ngo "***Matayo arahaguruka aramukurikira***" (9:9b). Mbese ntitwashobora gukora nkawe?

Matayo yerekanye ko Ibyanditswe Byera byo mu Isezerano rya Kera byari bikeneye undi murongo mushya kandi Mesiya wari warabasezeranijwe yagombaga guhesha umugisha n'abanyamahanga (abatari abayuda). Abayuda bizeraga neza ko Isezerano rya kera ariryo Imana yabashyiriyeho ngo ribategeke hamwe na ba sekuruza babo, ribabuza kwifatanya n'abanyamahanga ngo bo batazihumanya (Ibyak.10: 28a). Ariko abahanuzi bari barahanuye Isezerano Rishya n'Imana. Nuko rero abakristo b'Abayuda bareka Isezerano rya Kera bakakira Isezerano Rishya muri Kristo, kandi bakemera abizera b'abanyamahanga.

III Incamake y'Ubutumwa bwa Matayo

Kubera ko Itorero ryamaze igihe kirekire rigizwe n'abanyamahanga (abatari Abayuda), bisa n'ibitangaje ko abizera bashya b'Abayuda bo bagira ingorane zo kwemera abanyamahanga guteranira hamwe nabo. Na magingo aya, iyo Umuyuda yihannye, biba ari igitangaza nubwo bibaho inshuro nke cyane. Mu kinyejana cya mbere abizera benshi bavuye mu Idini y'Abayuda. Aho kwakira neza abizera b'abanyamahanga, barajijinganyaga, ndetse ubundi bakababamerera nabi.

Uko kudashaka kwemera abanyamahanga byababereye intambamyi (inkomyi) Itorero rya mbere, mu gusohoza Inshingano Ikomeye (28:20). Iki gihe cy'inzibacyuho cyo kuva mu migenzo ya gakondo ujya mu kindi byatwaye imyaka ibihumbi bibiri kandi biba ibikomeye ku Itorero kandi nicyo cyabaye intego y'Ubutumwa Bwiza bwa Matayo. Mu gusubira mu bice byo mu Isezerano Rishya bizafasha abasomyi kwumva neza uburemere bw'ikibazo cy'amoko cyariho mu kijana cya mbere.Izi nkuru kandi zizadufasha na none kumva neza icyo Matayo yashakaga kuvuga.

Ikibazo cyerekeranye n'amoko cya mbere umuntu abona Yesu yarahise akubitana nacyo; agitangira umurimo we i Nazareti (Luka 4:16-30), Yesu arahaguruka mu iteraniro ry'abari mu Isinagogi noneho abwira abantu ati: "*Ndababwira ukuri ko nta muhanuzi wemerwa i wabo"* (umurongo wa 24). Mu gusobanura neza icyo yaravuze, "***Ndababwira ukuri yuko hariho***

***abapfakazi benshi mu bayisirayeli mu gihe cya Eliya...,nyamara Eliya ntiyatumwa kuri umwe muri bo,ahubwo atumwa ku mugore w'umupfakaziw'I Zarefati mu gihugu cy'I Sidoni. Kandi hariho ababembe benshi mu bisirayeli mu gihe cy'Umuhanuzi Elisa, nyamara ntihakizwa numwe muribo keretse Namani w'Umusiriya*"** **(25-27**) .

Aha rero yerekanye abahanuzi babiri bakomeye baretse kuburira (kwigisha) benewabo b'Abayuda ariko kandi bakifuza kubwiriza abo banyamahanga babiri, ahari kuko ariko Imana yari yabayoboye. Nuko na none Luka yaranditse ati ***"Abo mu isinagogi bose babyumvise batyo bagira umujinya mwinshi, barahaguruka bamwirukana mu mudugudu,bamugeza ku manga y'umusozi batuyeho,bashaka kuyimutembagazamo."*** (28-29) Yesu, kubwo amahirwe, abacamo, aragenda; birerekana uko bari bamumereye nabi avuga ukuri ko mu Isezerano rya Kera ko guca Abanyamahanga kandi nabo bari abo kwegerezwa umucyo. Bari biteguye ku mwica babitewe nizo nyigisho z'ukuri.

Indi nkuru nk'iyo yanditswe na Paulo i Yerusaremu (Ibyak. 21:15-22:24). Abayuda b'indakare babonye Paulo mu rusengero yazanye abanyama-hanga (abatari abayuda) bavuga ko yahumanije Urusengero mu kuruzanamo abanyamahanga.

Bagerageje kumwica, Abaroma baratabara (Ibyak21:15-36). Paulo asaba uburenganzira bwo kwiregura arabuhabwa. Kuko yavugaga mu giheburayo, Luka yagerageje kwitwararika mu kuvuga ko bamuteze amatwi, kugeza igihe yavuze ko Imana ya Israeli yamutumye"***Genda kuko nzagutuma mu banyamahanga***". Amaze kuvuga atyo abantu barasakuza cyane "***kura icyo kigabo mu isi, ntigikwiriye kubaho!***" (22:22) nuko bagerageza gushaka kumwca nkuko bagenzi babo bari biteguye kwica Yesu. Urwango rukabije rwo kudakunda abanyamahanga rwagaragaye mu bintu byinshi bibi ubwoko bw'abanyamahanga bwagiye bukorera abayuda kandi bimara igihe kinini ; bamwe bakoresha ruswa, gusenga ibigirwamana byo mu mico y'Abagiriki n'Abaroma. Nubwo ntawabyitaho, ibi nibyo abakristo b'Itorero rya Mbere bahuye nabyo mu murimo wabo wo kuvuga ubutumwa no kwiyegereza abanyamahanga mu muryango mushya w'abacunguwe.

Tugarutse ku Itorero ubwaryo, ibikorwa bya Petero "i Kayisariya" byerekana ko ibi byose bibwiraga bikwiye guhagurukirwa bigakurwa mu Itorero. Mu byakozwe n'Intumwa igice cya 11-12, bivuga uburyo Petero yeretswe Imana ikamutegeka kujya kwa Korunelio Umukuru w'abasirikari, w'umunyamahanga. Kuri Petero kujya mu nzu y'umunyamahanga (Umupagani) byari ikigeragezo cyo kuba yarya ibitaribwa, inyama zihumanye. Ariko Petero aza guhishurirwa mu nzozi ko ibyo biryo ari ukwigishwa kwemera abanyamahanga, bityo aza kwemera kujyana n'abagabo batatu kwa Korunelio mu rugo rwe. Nibwo yaje kuvuga ati "***Muzi yuko kizira ko Umuyuda yifatanya n'ubundi bwoko cyangwa***

ko abugenderera”, Imana yashatse kumwereka ko nta gutonesha, ahubwo ko ishaka kandi yemera abantu bose bo mu bwoko (vv34-35)

Petero intumwa ya Kristo, we yumvise uburemere bw’Inshingano iruta izindi, niwe wizeye bwa mbere, mu mateka y’Itorero! Nta gushidikanya Umuyuda wa mbere wizeye, yahuye na bene izi ntambara.

Igihe Petero yari agarutse i Yerusalemu, yahise ashyirwa mu rubanza aregwa ko yasangiye n’ “*abatarakebwe*” (Ibyak.11:3). Petero yiregura ababwira ibyo kwerekwa kwe kumanukirwa n’Umwuka Wera kw’abantu bose bari bateraniye mu rugo rwa Korunelio (vv4-17). Bamaze kubyumva bene data bari bamumereye nabi baracururuka maze baravuga bati “***Noneho Imana yashatse ko n’abanyamahanga nabo bihana mu bugingo bwabo***” (v18). Ni ukuri iri ni ihishurwa rishya kuri bo kandi biba intangiriro yo kwamamaza ubutumwa mu mbaraga mu bakristo (Reba 11:19-21). Petero yakinguriye umuryango abanyamahanga, ariko bakomeje guhura n’inzitizi.

Uko umurimo wo kuvuga ubutumwa mu banyamahanga wagendaga ukorwa ni nako, ingorane ziyongereye cyane cyane aho Petero agereye muri Antiyokiya. (Gal. 2:11-21). Petero yagaragaye nk’uwemeye kandi agasangira n’abanyamahanga (birashoboka ko yasangiye nabo Igaburo Ryera ari mu Itorero ry’abanyamahanga iyo muri Antiyokiya. Ariko igihe bamwe mu bahagarariye Itorero ry’ i Yerusalemu bagereye muri Antiyokiya bavuye i Yerusalemu, Paulo abuza Petero gusangira no kwifatanya n’abanyamahanga, “***ariko zigezeyo arinyufura, arabanena kuko yatinyaga abakebwe (v12***). Niko Barinaba, umwe wagiye kwakira Paulo igihe umunyamahanga yari agiye kubakira (Ibyak.11:25-26), bifatanije na Petero muri ubu buryarya (v13). Paulo yarababaye cyane maze yihanangiriza Petero imbere y’abantu bose (Gal.2: 14-16)

Hashize icyo gihe cyose nyuma y’ibyahishuwe bivuye ku Mana hamwe n’ibindi bibyemeza, ndetse n’inkingi (ibishyitsi) by’Itorero nka Petero na Barinaba bari bakiboshywe n’imyumvire mibi ya kera y’iby’amoko yo kwanga abanyamahanga. Ibi rero biragaragaza inzitizi zikomeye zabujije gukura kw’Itorero, ubumwe, n’amahoro. Ubutumwa Bwiza bwa Matayo bwanditswe kugira ngo bafashe abayuda kumva impinduka yazanywe na Mesiya ariwe Yesu.

Tekereza kuri ibi:

Gerageza kwibaza : Abanyamahanga bakijijwe batetse ngo nabo bazane amafunguro mu rusengero gusangira n’abandi. Petero n’ubwuzu bwinshi aje gusangira nizo nshuti ze nshya. Muri ako kanya, Abayuda, abasirikare barahatungutse. Abayobozi b’Itorero nka Petero bamenya ibi bintu neza. Abakristo b’Abayuda barya intongo z’intama ntibarya intongo z’ingurube! Ashobewe, yububa a karengera mu kindi cyumba arirayo ya ntongo y’intama. Nta muntu numwe ugishonje.

Mbese ari wowe cyangwa njyewe wari gukora iki? Wari kwemera ukagendera mu kigare sosiyete igushyizemo? Kurwanya imico yabaye akarande ntawe byoroheye muri twe, cyane cyane ibiri mu miryango yacu. Nkuko Pawulo na Yesu babigenje, dukwiye kurwana urugamba rwacu.Igihe ubutumwa bwiza bugorekwa, dukwiye guhaguruka ! Paulo yaringinze afatanije n'Abagalatiya nyamara ntabwo dutsindishirizwa n'imirimo itegetswe n'amategeko. Ntushobora kwitiranya amategeko (imihango) n'Ubuntu (Gal.2:15:21). Nta kintu twatanga ngo tubone Agakiza.Twagahabwa gusa kubwo Kwizera. Mbese warizeye? Cyangwa uracyagerageza gushaka imbabazi z'Imana ugendera mu mihango, imigenzo n'imico ya kera? Itegeko rivuga ngo:"KORA". Ubuntu bukavuga ngo "BYAKOZWE".

Iki kibazo cyarakuze cyane kuburyo cyasabye ko habaho inama nkuru yabereye i Yerusaremu (Ibyak.15). Igihe abanyamahanga batangiye kwinjira mu Itorero ari benshi, abigisha babasabye gukebwa kugirango bakurikize amategeko ya Mose ngo bazabone agakiza (vv1-5). Noneho Paulo na Barinaba bajyana iki kibazo mu nama yari yateraniye i Yerusaremu ngo igikemure. (vv6-21). Petero atanga ubahamya bwa Petero Uko Imana yakinguriye umuryango abanyamahanga mu nzu yo kwa Korunelio(7-9). Acyaha abagendera ku mategeko bashaka kwikoreza abanyamahanga umutwaro w'amategeko ya Mose, kandi nabo badashobora kuwikorera (vv10-11). Paulo na Barinaba bashimangira ubuhamya bwa Petero nabo bavuga ibitangaza Imana yabakoresheje mu banyamahanga.(V12). Yakobo yunzemo kandi yanzura avuga ko badakwiye guhangayikisha abanyamahanga n'amategeko ngo babone Agakiza .(vv13-21). Inama noneho yoherereza amatorero y'abanyamahanga agaragaza icyemezo nibyo bakora kugira ngo bahoshe izo mvururu (vv22-35). Nyuma Itorero ryaje kubona ko Abanyamahanga batakomeza kugendera ku mategeko n'imihango ya kera ahubwo haba Abayuda n'abanyamahanga bose bahinduka bakaba umubiri umwe, umubiri wa Kristo, Itorero rye. (Abef.2:11-22).

Niba ikibazo nkiki gishobora gutera intambara ikomeye cyane mu Itorero rya mbere, byongeye kandi bigasaba ko Intumwa zigira inyigisho zitanga kandi zari zikwiye gukurikizwa, ntabwo rero ari ibintu bikwiye gutindwaho no kuvuga ko Matayo kuba yaba yaranditse amagambo ye avuga cyane cyane kuri ibi bibazo abicishije mu nkuru z'ubugingo bwa Kristo Yesu n'ibikorwa bye we yiboneye n'amaso ye. Ibuka ko Matayo yanditse nyuma y'urupfu rwa Yesu n'ukuzuka kwe. Igihe Itorero rya mbere rirwana niki kibazo gikomeye.

Incamake: Isi yose yabonye Ubutumwa Bwiza bwa Matayo nk' igitabo gihambaye kivuga neza iby'inyigisho za Yesu Kristo. Iby'abahiriwe bo mu bwami bw' ijuru, iby'urufatiro rwo kwizera kandi by'ingirakamaro, ugutumirwa na we ngo duhinduke nk'abana bato, inyigisho zo "gukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda", Isezerano ry'Umwami kuri abo bagaburiye kandi bakambika umukene. Ntitwabona uburyo dushobora kubisobanura, ariko naho ari uko kubisobanura uko bikwiriye no

kubishyira mu bikorwa biracyagoranye. Ubutumwa bwa Matayo bwigisha cyane abo bose beguriye ubuzima bwabo Kristo.

Dore bimwe mu bibazo bibazwa abo muri ubwo bwami bw'Ijuru:

Ikibazo: Ni gute umuturage wo mu bwami bw'Ijuru yanesha ibigeragezo?
Igisubizo: Gusa ukora nkuko Yesu yakoze. Soma kandi Wige

Ikibazo: Ni gute umuturage wo mu bwami bw'Imana yakwifata kubamutoteza?
Igisubizo: Gusa ukora nkuko Yesu yakoze. Soma kandi Wige.

Ikibazo: Ni gute umuturage wo mu bwami bw'Imana yaba muri iyi si y'abatizera Imana?
Igisubizo: Gusa ukora nkuko Yesu yakoze. Soma kandi Wige

Ikibazo: Ni gute umuturage wo mu bwami bw'Imana yabwiriza aba mubabaza?
Igisubizo: Gusa ukora nkuko Yesu yakoze. Soma kandi Wige.

Ikibazo: Ni gute abo mu bwami bw'ijuru ba senga?
Igisubizo: Gusa ukora nkuko Yesu yakoze. Soma kandi Wige.

Ikibazo: Ni gute umuntu wo mu bwami bw'Imana yamenya uko Imana imukunda yaba umugabo cyangwa umugore?
Igisubizo: Gusa ukora nkuko Yesu yakoze. Soma kandi Wige.

Ikibazo: Ni gute umuntu wo mu bwami bw'ijuru yaba mu buzima bunesha muri Kristo?
Igisubizo: Gusa ukora nkuko Yesu yakoze. Soma kandi Wige

Matayo umunyabyaha w'umukoresha w'ikoro yahindutse Matayo intumwa, umurimo we wafashije (kandi uracyafasha)kubaka ubwami bwa Kristo hirya no hino kw'isi. Kubera iki? Kubera ko yari yaramenye Umwami mu buryo bwa gicuti kandi butangaje. Umwuka Wera, mu magambo ya Matayo, aho bavuga neza iby'ubuzima bwa Yesu Kristo, aradutumira ngo tugirane ubusabane bushoye imizi no kugendana n'Umwami wacu Yesu Kristo; mu gihe turi kwiga ibyo uwatubereye akabarore, Yesu ubwe wenyine.

Nyagasani, ndakwinginze ngo umfashe kureba Yesu uko nsoma ibyo Matayo yanditse kuruta uko nabisomye mbere; kandi ndagusaba ukomeze guhindura ubuzima bwanjye.Mbisabye mu Izina ryawe, Amen

IBIBAZO BYO KWIGIRA MU RUGO

1. Uhereye kubyo wasomye, cyangwa byaganiriweho, ganira n'abandi ibyo wavanye mu gitabo cy'Ubutumwa Bwiza bwa Matayo.

2. Ni iyihe mipaka ishingiye ku mico Matayo yagerageje kuvanaho?

3. Ubutumwa Bwiza uko bwanditswe na Matayo buratwigisha iki?

Ibibazo ku Isomo

.

IBISEKURU BYA YESU NO KUVUKA KWE

Ba urekeye aho maze ubanze usenge, maze usome icyo gice.
Andika imirongo aho ubonye igisubizo cy'ibibazo ugomba gusubiza. Niba ikibazo kigaragaye nk'igikomeye, gerageza ibyo ushoboye maze ukomeze. Abandi muri kumwe mu biganiro-mpaka baragufasha gusobanura ibibazo no kubisubiza. Ibibazo bifite akamenyetso (*) bishobora gusaba ibisubizo bidasanzwe.

IRIBURIRO: Matayo1:1

4. Ni abahe babiri ba sekuruza ba Yesu Matayo avuga mu mazina mu murongo wa 1?

5. a) Ni iki Imana yasezeranije Dawidi muri 2Sam7:16?

b) Ni gute Yesu yujuje iryo sezerano (Abah. 1:8)

6. a) Ni gute Yesu yujuje isezerano ry'Imana kuri Abrahamu? (Itang.12:3b,Yoh3:16)

b) Ni gute iri sezerano no kurisohoza kwa Yesu bikora ku buzima bwawe bwite ?

IBISEKURU BYA YESU : Matayo :1 :1-17

7. Ni mu bihe bihe bitatu by'ingenzi by'amateka Matayo agabanyamo amateka ya Yesu.

8.a) Ni abahe bagore batanu bavugwa mu masekuru ya Yesu ?

b) Andika ibyo wize ku bagore bane ba mbere bavugwa muri iki gice:

1. Itang.38
2. Yos.2;1-16,6:22-25
3. Rusi1:1-22,4:13-17
4. 2 Sam 11.

9. a) Ni kuki abasomyi b'abayuda bo mu gihe cya Matayo batangariye kubona bivugwa muri iki gice?

   b) Ni iki mutekereza cyateye Matayo gushyiramo aba bagore mu gisekuruza cya Yesu?

   c) Iri shyirwamo ryaya mazina birasobanura iki?

UKUVUKA KWE: Matayo1:18-25

10. a) Ukurikije Ubutumwa bwiza uko bwanditswe na Luka 1:26-28, ni gute Mariya yigishijwe n'ayo magambo yuko azabyara umwana?
    b) Ni gute yashubije iyo nkuru yari azaniwe? Uko yashubije bikubwiye iki?

11. a) Ninde se w'Umwana Mariya azabyara (Lk1:35)
    b) Ni iyihe myitwarire ya mbere ya Yozefu amaze kumva ko Mariya atwite?
    c) Ni izihe ngaruka zari kubaho iyo Yozefu asubiza ibinyuranye n'igisubizo yatanze? (Guteg.22:22-24)

12. a) Ni gute Imana yagobotse mu cyemezo cya Yosezu cyo gubenga Mariya, ni uwuhe mwanzuro wavuyemo?
    b) Ese Imana yaba yarigeze kukugoboka mu bibazo byabayeho maze igahandura ibitekerezo byawe cyangwa byakubayeho?

IZINA RYE: MATAYO 1:18-25

13. a) Ni iki amazina ahabwa umwana atubwira ku bw'Umwana?
    b) Izina Yesu ni ikigiriki bivuga YOSUWA, bivuga ngo "Umwami arakiza". Ugitekereza inyito yaryo ni iki izina Yesu rikubwiye kuri wowe?
    c) Ni gute izina Emmanueli rikora ku myitwarire yacu no ku buzima bwacu?
14. a) Ni ayahe mazina y'inyongera ahabwa umwana wa Mariya? (Yesaya 9:6)
    b) Ni irihe zina muri aya rifite icyo rikubwira kurusha ayandi? Kuki?

15. Ni ubuhe buhanuzi Matayo atwibutsa bwashohojwe no kuvuka k'uyu mwana.
16. a) Ni iyihe nsobanuro utekereza ku gusohora k'ubu buhanuzi bwakagombye kuba bwaratanze ku basomyi b'Ubutumwa bwiza bwa Matayo?
    b) Mbese hari icyo buvuze kuri wowe?

KWISUZUMA

Mbese si inkuru inejeje? Imana yaje ku isi nk'umwana. Mu bigaragara, Imana yari ifite buri kantu kose kuri gahunda uhereye mu Itangiriro: bigaragarira mu mazina agize amasekuruza, ibibazo bitashoboraga gusubizwa, bibaza kuri buri kantu ku bitangaza byo kuvuka kwe; itegeko ryo gutanga izina "YESU" bivuga ngo Umwami arakiza, bigahabwa umwana wari uzwi nk'uw'umubaji. Iyi ni gahunda ihebuje. Iyo Imana ishaka ko twizera Yesu nka Mesiya kuki atari kuva mu bicu nk'Umwami w'abami? Ku bwibyo nta gukekeranya kwari kubaho. Nta n'indi nzira twari kwishakira yo kwihitiramo ukundi KWIZERA. Gahunda y'Imana ni uko iturarikira kumvira Ijambo ryayo. Kwizera ukwihindura umuntu kwayo niko kwizera gukomeye. Iyo twizeye uku kuri, twemera ibyo kuzuka kwe, biroroha. MU MWIZERE.